# Mu by'ukuri Allah yaziririje kugurisha inzoga, n'ibyipfishije, n'ingurube ndetse n'ibigirwamana

Hadith yaturutse kwa Djabir Ibun Abdillah (Imana imwishimire we na se) yavuze ko ku munsi w'ibohorwa ry'umujyi wa Makat yumvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivuga iti: "Mu by'ukuri Allah yaziririje kugurisha inzoga, n'ibyipfishije, n'ingurube ndetse n'ibigirwamana." Nuko barayibwira bati: Yewe Ntumwa y'Imana! None uravuga iki ku binure by'itungo ryipfishije, ko tubisiga mu mato tukanabisiga impu, ndetse abantu bakaba babicana bikabamurikira? Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irabasubiza iti: Oya, ni ikizira; irangije irababwira iti: Allah yavumye abayahudi, kubera ko yabaziririje ibinure by'inyama z'amatungo bo babigira byiza, barangije barabigurisha bakajya barya ikiguzi cyabyo."

[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Ku munsi w'ibohorwa ry'umujyi wa Makat, Djabir Ibun Abdillah (Imana imwishimire we na se) yumvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivuga iti: Mu by'ukuri Allah n'Intumwa ye baziririje kugurisha inzoga n'ibyipfishije n'ingurube ndetse n'ibigirwamana; nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) barayibaza bati: Yewe Ntumwa y'Imana! Ese biremewe ko twagurisha ibinure by'ikipfishije? Kubera ko tubisiga mu mato, ndetse tukanabisiga impu, n'abantu bakaba babyifashisha mu gucana amatara yabo? Intumwa y'Imana irabasubiza iti: Oya, kubigurisha ni ikizira! Irangije irababwira iti: Allah yoretse abayahudi aranabavuma, ubwo Allah yabaziririzaga ibinure by'amatungo barabiyengesheje, barangije bagurisha amavuta yabyo, barya ikiguzi cyabyo.



النجاة الخيرية
ALNAJAT CHARITY
لجنة الدعوة الإلكترونية
EDC E-Da'wah Committee